

Pasitoro Tony Alamo | Ihuriro rya Gikristo rya Alamo | Nomero 20100


# KUGERAGEZA GUHIRIKA IMANA INSHURO ESHATU

**Bikozwe na Tony Alamo**

Hari icyo bikubwiye kubona Satani yarashutse isi yose? Inshuro zigera kuri eshatu, yarabikoze ku mugaragaro yarahagurutse ngo asimbure Imana n'Ubwami bw'Imana. Ebyiri mu nshuro ze  zapfuye ubusa mu buryo buteye agahinda, kandi n'iyi nshuro ya gatatu arimo kugeragez‑a kuri ino saha nayo izapfa ubusa vuba aha.

Ukugerageza guhirika Imana kwa mbere kwa Satani kwabereye mu busitani bwa Edeni, ubwo Satani yabazaga Eva ngo "ni ukuri koko Imana yaravuze?" Itang 3:1-3 handitswe ngo, "Inzoka [Satani] yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye." Ibaza uwo mugore iti "ni ukuri koko Imana yaravuze ngo ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?" uwo mugore [aho kuyirukana no kuyamagana] arayisubiza ati, imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y' ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti "ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa." Iyo Imana ivuze ngo "mutazapfa" Ntiba isobanura ko urupfu ari rugufi, ari ikintu gito, Iba isobanura ko urupfu ari urupfu rw'iteka ryose rw'ubugingo bw'umugabo cyangwa umugore, iteka ryose mu muriro w'Ikuzimu. Ukuri kw'ibi kugaragara mu byanditswe byera byo mu Isezerano rya Kera n'Irishya.[1]



*Pasitori Tony na Susan Alamo n'itsinda ry'abaririmbyi mu kiganiro cyabo kuri Televiziyo* *Mpuzamahangaifoto yafashwe mu 1974*

Uwo mugore, kimwe n'abantu hafi ya bose bo mu isi, ntibajya barota na rimwe ko iyo wemeye ingingo za Satani, ko uba wikururira agahinda k'iteka ryose, Ikuzimu hadashira, bitera ishavu ryinshi ubugingo n'imitekerereze by'uwemeye izo ngingo. Ikuzimu hazahora hazamura umwotsi wo kubabazwa kwabo iteka ryose (Ibyah 14: 9-11). Abo baramya (batega amatwi) Satani, isi ye ishingiye kuri Leta imwe, n'isi ye ishingiye kuri kiriziya imwe (Gaturika) iherezo rya bo rizaba rimwe.[2] Satani yaje mu ishusho y'inzoka, umushukanyi ukaze cyane nk'uko ari, yashutse Eva, ubu ari gushuka isi yose.[3]

Mu Byahishuwe 12:9, Satani agereranywa n'ikiyoka kinini, "Cya kiyoka kinini kiracibwa [mu ijuru], ari cyo ya nzoka ya kera yitwa umwanzi akaba na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bose." Satani yari abizi ko mu gushuka Eva, yari kuba ashyize isi yose mu kaga.[4] Eva yabaye umwigisha wa mbere w'ibya Satani; yabaye ihene ya mbere. Kugirango ube ihene ya Satani, ntabwo ushobora kwemera Yesu, cyangwa ngo ube umwe mu ntumwa ze. Ntushobora kubaho mu buzima bwa KRISTO wabambwe, ahubwo urigenga ugakora byose bikunezeza. Ntushobora guhamya ibya KRISTO, We waje mu isi gukiza abanyabyaha, ahubwo ugomba kumuhakana.[5]

Ubwo Satani yabwiraga Eva ko mutazapha, ahubwo ko muzaba nk'IMANA, ngaho rya unagaburire n'umugabo wawe urwo rubuto, Eva yabikoze nkuko yabimubwiye, yigisha n'umugabo we. Amaso yabo yahise afunguka arabona (Itang 3:7). Bahita babona ko ari abanyabyaha, kandi ko bashutswe. Ubuyobozi bw'isi ubwo bwari bufitwe na Satani aho kuba ubwabo, kandi nta kintu na kimwe uretse kwizera mu rupfu n'izuka bizaza bya KRISTO  byashoboraga kongera kubagarura ku MANA.

Mu ntangiriro, Imana yahaye umugisha Adamu na Eva kurusha ibindi biremwa byose. Yabahaye kuyobora ibyaremwe byose bibaho, n'ikinyabuzima icyari cyo cyose. Itang 1:28 itubwira ko Imana yababwiye ngo, "mwororoke

*(Bikomereje ku rupapuro rwa 2)*

**1** Zab. 9:17, Yes. 5:11-15, 33:10-14, 66:24, Mat. 3:12, 5:29, 7:13, 8:11-12, 10:28, 13:38-42, 47-50, 18:6-9, 22:8-13, 25:31, 41-46, Mar. 9:42-48, Luka. 3:17, 16:19-26, 2 Abates. 1:7-9, 2 Pet. 2:1-9, Yuda. 5-7, Ibyah. 14:9-11, 19:20, 20:15, 21:8, 27 **2** Ibyah. 13:1-8, 14:8-11, 17:1-15, 18:1-8 **3** Itang. 3:1-6, Yes. 14:9-17, Mat. 24:11-12, 24, 2 Abakor. 4:3-4, 11:13-15, 2 Abates. 2:3-12, 2 Tim. 3:13, Ibyah. 13:1-8, 11-18, 16:13-14, 17:1-2, 8, 18:2-3, 23 17:8, 19:19-21, 20:1-3, 7-10 **4** Rom. 5:12-21, 1 Kor. 15:20-22 **5** Mat. 20:28, 26:28, Yoh. 1:29, 3:14-17, 6:51, 10:11-18, 11:49-52, Ibyak. 5:30-31, 20:28, 26:23, Rom. 5:6-11, 1 Kor. 15:3-4, Gal. 1:3-4, 2:20, 4:4-5, Ef. 5:2, 1Tes. 1:10, 5:9-10, 1 Tim. 2:5-6, Tito. 2:13-14, Heb. 2:9-10

## KUGERAGEZA GUHIRIKA IMANA INSHURO ESHATU

*(Bikomeje biva ku rupapuro rwa 1)*

mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo munyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi." Adamu na Eva bari bashinzwe isi yose n'ibiyirimo byose. Ubwo Satani yabashukaga, isi yose yaguye mu cyaha, mu nsi y'ubutegetsi bw'ikibi, nuko Imana ipanga umugambi wo gucungura isi mu kuza mu isi mu ishusho y'umuntu.[6] IMANA yahindutse Umwana w'Umuntu. Yitanze ku bwacu, kugeza ubwo yitanze ngo apfire ku musaraba, bikurikirwa n'izuka RYE no kujyanwa mu Ijuru.[7]

Muri Yoh 3:16 handitswe ngo, "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wa yo w'ikinege kugirango umwizera wese [ntabwo ari Satani cyangwa undi muntu uwo ari we wese] atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Kugira ubugingo buhoraho bishoboka gusa iyo KRISTO, we MANA, Inzira, Ukuri, n'Ubugingo, abaye muri wowe nk'ubuzima bwawe (Yoh 14:6).[8] Ntushobora kugira ubugingo buhoraho uvuga isengesho ry'abanyabyaha gusa. Ugomba no kuba intumwa. UWITEKA adutegeka kwikorera umusaraba wacu tukamukurikira (Luka 9:23-25).[9] Kugira ngo tugire ubuzima buhoraho, nta na rimwe tugomba kumanuka tuva ku musaraba.[10] Muyandi magambo, ntabwo dushobora gukora ibyaha ukundi.

Satani ni umwanzi watsinzwe.[11] Ku ikubitiro, byasaga nkaho Satani yigaruriye isi burundu. Ariko kuri uyu munsi wa none, iyo twubashye KRISTO kandi tukareka burundu Satani, isi ye ishingiye kuri Leta imwe, n'idini rye rifite imigenzo ya satani riyobowe na Vatikani, ugutegeka kuzaba ukwacu muri KRISTO.[12]

Ukugerageza kwa kabiri k'umuntu ngo ahirike Imana n'ubwami bwa Yo mu Ijuru, byabereye i Babuloni. Rwose, byapfuye ubusa. Mu Itangiriro 11:1-9 herekana neza ko "Isi yose yari ifite ururimi rumwe n'amagambo amwe. Bagendaga barekeye iburasirazuba, babona ikibaya kiri mu gihugu cy'i Shinari, barahatura. Barabwirana bati Mureke tubumbe amatafari tuyotse cyane." Kandi bagiraga amatafari mu cyimbo cy'amabuye, bakayafatanyisha ibumba mu cyimbo cy'ibyondo. Baravuga bati, "mureke twiyubakira umudugudu n'inzu y'amatafari ndende, izagere ku ijuru. Kugira ngo twibonere izina rimenyekana, twe gutatanira gukwira mu isi yose.Uwiteka amanurwa no kureba umudugudu n'inzu ndende, abana b'abantu bubatse."

Uwiteka aravuga ati "Dore aba ni ubwoko bumwe n'ururimi rumwe ibyo ni byo babanje gukora none ntakizabananira gukora bagishatse. Reka tumanuke tubahindurire ururimi rwabo, rubemo nyinshi zinyuranye, be kumvana [nk'uko Abademokarate n'abarepubulikani batumvikana ubu, nuko rero nta kintu cy'agaciro na kimwe cyiri gushyirwa mu bikorwa]. Uwiteka abatataniriza gukwira mu isi yose, barorera kubaka wa mudugudu. Ni cyo cyatumye witwa Babeli, kuko ariho Uwiteka yahinduriye ururimi rw'abo mu isi bose, rukavamo nyinshi zinyuranye, kandi ari ho yabatatanirije gukwira mu isi yose."

Ukugerageza kwa Gatatu ari nako kwa Nyuma kwa Satani ngo ihirike Imana n'Ubwami bwa Yo kuri kuba muri uyu mwanya wa none. Abantu bamwe bari kwishuka bavuga ko ibintu biri kugaragara biguruka mu kirere bitazwi (UFOs) ari ibiva ku yindi mibumbe, ariko ibi ntabwo ari byo. Ibi bintu bitazwi ntabwo biva ku yindi mibumbe; bituruka mu Ijuru. Impamvu mbizi, ni uko ubwo njye na Susie twarimo tujya i Las Vegas gushyingirwa, twari mu muhanda mugari uri hagati ya Los Angeles na Las Vegas hari mu ijoro hagati. Hari hijimye ubwo Susie, wari utwaye yamfataga akaboko kanjye k'ibumoso akambwira ngo, "Tony, reka dusenge IMANA muri aka kanya, maze tubaze IMANA niba ari ibintu bitazwi biva kuyindi migabane, reka tubibone." Ni mpamo ko iyo biba ari abiva kuyindi mibumbe bitari kumva amasengesho yacu twasengaga IMANA, ntanubwo byari gusubiza amasengesho yacu ako kanya. Ako kanya, agatsiko kanini nka k'indege k'ibyo biremwa bitazwi byahise biza bigenda ku kirahure cyacu. Byaratwegereye cyane ku buryo natekereje ko byari bigiye kutugwaho. IMANA yahise isubiza isengesho ryacu ako kanya. Ubwo IMANA yasubizaga isengesho ryacu ako kanya, ukwizera kwanjye mu MANA no gusubiza amasengesho KWAYO byarakomejwe.

Ibi bintu bisa n'indege zimeze nk'uruziga bivugwa kenshi muri Bibiliya.[13] Ni imbaraga zo mu kirere zizewe z'abamarayika b'IMANA bari kugenzura ububi bukabije bw'isi ya none, zibanziriza ko IMANA irimbura ikibi kiri hano ku isi ubwo KRISTO azaba agarutse. IMANA yohereza abamarayika muri iki gihe kigufi cy'amakuba (ubu turi mu gihe kigufi cy'amakuba). Abamarayika baha IMANA raporo, hanyuma IMANA ikohereza Abamarayika basenya, gusenya uduce tubi tumwe na tumwe tw'isi.[14] Idusenyesha ibyorezo bikaze (Indwara), inzara, imyuzure, imitingito, imiyaga ikaze, n'ibindi byinshi.

Igice kini cy'abantu ku isi bibwira ko bazarusha IMANA ubwenge. Bibagiwe ibyahise, aho IMANA yaburijemo kugerageza kwa bo. Satani yabwiye Eva ko atazapfa, ahubwo ko "azaba nk'Imana." Ariko yarabeshyaga. Ibi turabizi kuko Eva n'umugabo we bombi bapfuye. Kandi na none, Nimurodi n'abantu bo ku isi ntabwo bigeze babona umunara wabo wuzura, ntanubwo kandi bigeze bubaka umudugudu wabo mu Ijuru. Ntibyigeze bibaho na gato.

Na none, igice kinini cy'abantu ku isi bakoresheje amamiliyari y'amadolari, kandi baracyashaka gukoresha amatiliyali y'amadolari nanone, ngo bajyane umuntu ku wundi mubumbe, undi mubumbe batekereza ko ufite ibisa n'ibiri ku mubumbe w'isi. Ariko nta mubumbe ubifite.Isi yashyutswe

**6** Yoh. 1:4-13, 12:46, Rom. 5:6-21, Gal. 4:4-5, Heb. 2:14-18 **7** Mat. 16:21, 20:17-19, 26:31-57, 28:1-10, 16-20, Mar.10:32-34, Luka. 9:23, Yoh. 10:7-18, Ibyak. 1:1-11, Gal. 2:20, Fili. 2:5-11, Heb. 12:1-3, 1 Yoh. 3:16 **8** Ezek. 36:27, Yoh. 14:15-20, 23, 26, 15:3-7, 17:21-23, 26, Rom. 8:10-11, 12:1-2, 1 Kor. 3:9, 16-17, 2 Kor. 6:16-18, Gal. 2:20, Ef. 2:10-22, 3:16-21, Fili. 2:13, Kolo. 1:27-29, 2 Tim. 1:14, 1 Yoh 3:24, 4:4, Ibyah. 3:19-21 **9** Mat. 16:24-26, Mar. 10:17-30, Luka. 9:59-62, 14:26-27, 33, Yoh. 12:24-26, Rom. 8:1-14, 35-37, 12:1-2, 1 Kor. 9:26-27, 2 Kor. 5:9-21, 6:1-10, Gal. 5:16-17, 24, Fili. 3:7-9, Kolo. 3:5-17, 2 Tim. 2:4, Tito 2:12, Heb. 11:8-26, 1 Pet. 4:1-2, Ibyah. 12:10-11 **10** Mat. 10:22, 24:13, Ibyak. 14:22, Rom. 11:22, Kolo. 1:22-23, 1 Tim. 4:16, 2 Tim. 2:1-3, 3:13-17, 4:5, Yak. 2:17-26, 5:10-11, 1 Yoh. 2:24-25 **11** Yes. 14: 9-20, Ezek. 28:11-19, Yoh. 12:31, 2 Tes. 2:3-10, Heb. 2:14, 1 Yoh.2:13-14, 3:8, 4:4, Ibyah. 1:18, 12:3-4, 9-12, 20:1-3, 7-10 **12** 2 Kor. 6:14-18, Ibyah. 18:1-5 **13** Zab. 68:17, Ezek. 1:1-24, 3:12-13, igice. 10, 11:14-25, Dan. 7:7-9 **14** Itang. 19:1-25, 2 Sam. 24:1-17, 2 Abami. 19:35, 2 Ngoma. 32:19-22, Zab. 78:49, Mat. 13:41-42, Ibyak. 12:23, 2 Tes. 1:7-9, Ibyah. igice. 8, 9:1-5, 13-15, 14:8-11, 15-20, 15:1, Umutwe. 16, 18:1-2, 21, 19:17-21, 20:1-3, 21:9

itegerezanyije umutima uhagaze ubu busazi ngo bubeho. Bizeye inyigisho y'ibinyoma ishingiyeKuri Leta imwe na kiriziya y'Umwanzi, byose biyobowe na Satani, IMANA itubwira ko izashuka isi yose muri iyi minsi ya nyuma (Ibyah 12:9). IMANA yaravuze ngo Kiriziya y'isi yose ya Satani, iyobora isi imwe ishingiye kuri Leta imwe, izaba iri mu mugi w'imisozi irindwi (ni byo koko, iyi ni Roma, Vatikani, na Loni).[15] niba utaziko Vatikani ari wo uwo mugi, icyo wakora ni uko wajya kuri sosiyete ishinzwe ingendo maze ukaka itike ijya mu mugi w'imisozi irindwi. Bazaguha itike ijya i Roma, mu Butaliyani. Na none iyi niyo Roma iyobora Loni mu buryo bwa Satani, ikaba ari isi ishingiye kuri Leta imwe. Na none yitwa "Itegeko rishya rigenga isi (the new world order) n "icyicaro cya Satani" (Ibyah 2:13). IJAMBO RY'IMANA, biciye mu bamarayika bafite ibyago birindwi n'abandi bamarayika, bazasenya isi vuba aha (n'abandi bantu babi bose).[16]

Ibyah 17:1-6, 8 haravuga ngo, "Nuko haza umwe muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi [izi nzabya zuzuye ibyago birindwi bya nyuma bitwawe na bimwe bitazwi bivuye ku wundi mugabane (UFOs), akaba mu byukuri ari ibintu bizwi biguruka (IFOs). Dushobora kumenya ibi bizwi biguruka (IFOs) tumenya Imana n'IJAMBO rya YO. IMANA ni IJAMBO (Yohana 1:1, Ibyah 19:13)], arambwira ati [uyu mu marayika arambwira, Yohana], ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho [Kiriziya Gaturika y'i Roma, Vatikani], yicara ku mazi menshi cyane [ibihugu byose byo ku isi yose]: ni we abami bo mu isi bose [abakuru ba guverinoma bose, n'abacamanza b'i Vatikani, n'abashinjacyaha bose b'i Vatikanib] asambanaga na we i [cyaha icyo aricyo cyose, gutoteza, no gukatira ibihano abere (Abantu b'IMANA)],abari mu isi bagasinda inzoga aribwo busambanyi bwe. [Ibi bisobanura ibyo bita gutunganya neza za politiki (nk'ugushyingirwa kw'abahuje ibitsina, ubutinganyi), kurwanya Abayahudi, kurwanya Ubukristo, kugira inyota yo kumena amaraso, kwica, ubujura, n'ibindi byose bitandukanye n'IMANA ndetse n'IJAMBO rya YO.]

"Hanyuma anjyana [Yohana] mu butayu [Isi] ndi mu MWUKA: mbona umugore yicaye ku nyamaswa itukura [Umugore ni Vatikani, idini rimwe ry'isi, inyamaswa itukura ni LONI yo kinyabiziga cya Vatikani. Ufata umwanya we kugira ngo asenye imirimo n'abantu by'IMANA akoresheje amategekoye yitwa amategeko ya kanoni (Canon Law). Ni we (Vatikani)], yuzuye amazina yo gutuka Imana [urugero, iyo umuntu ugengwa na Dayimoni ababajwe n'IJAMBO ry'IMANA, Vatikani hamwe n'isi ya yo ishingiye kuri Leta imwe babigira icyaha kuvuga IMANA mu mashuri rusange, mu nkiko, amahuriro rusange ya politiki, inzibutso, n'ahandi hantu hose hahurirwa na bantu benshi hazwi ku isi. Kandi kubera ko inzego hafi ya zose za Kiriziya Gaturika y'i Roma zirimo abasambana bahuje ibitsina, bakoze itegeko rishya, ko kurwanya ubutinganyi ari icyaha gikomeye (icyaha cy'urwango). Kugira imyumvire nk'iyi, ugomba kuba warashyizweho ikimenyetso cy'inyamaswa mu gahanga kawe (Ibyah 14:9-11). Iki ni icyaha kibi cyane mu by'umwuka wera.], ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi [ibi bitubwira ko isi iyobowe na Leta imwe igizwe n'amaguverinoma menshi yibumbiye hamwe nka Leta imwe. Bose batekereza kimwe, bose bakirana ubuhumyi ibya aribyo byose Satani avuze (Ibyah 17:12-15). Umwanzi abihinduramo gukunda igihugu iyo wakiriye neza ikintu cyose avuze, akabihinduramo kwanga igihugu iyo utakiriye neza ibyo avuze byose.]

"Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri (move)

*(Bikomereje ku rupapuro rwa 4)*

**15** Dan. 2:40, 7:19-25, Ibyah. 13:1-8, 14:8, ibice. 17, 18
**16** Ibyah. 8:7-12, 9:1-11, 15, 14:14-20, 16:2-4, 8-12, 17-21

## Kenya

Ku Itorero rya Alamo

Ndabasuhuje mu izina rya Yesu Umwami wacu. Ndizera ko mu meze neza mu itorero ryanyu. Turashaka gushimira itorero ryanyu kuba ryaratwohererereje inyandiko n'amasengesho. Ibi byakiriwe neza cyane mu itorero ryacu no mu bantu bacu. Abantu benshi bafashe umwanzuro wo guhindura ubuzima bwabo no kwakira Yesu nk'Umukiza w'ubuzima bwa bo. Kandi koko inyandiko za Alamo zifite ubutumwa bw'ukuri kuko iyo tuzikwirakwije, abantu benshi barahinduka. Nuko rero, ibi bisobanuye ko zifite ubutumwa bwo mu mwuka uva ku Mwami (zifite umugisha).

Bityo, bene data, twafashe icyemezo cyo gukwirakwiza ubutumwa mu midugudu n'ibyaro hose no mu nsengero kuko nk'uko mu bizi muri Afrika abantu benshi baracyakurikiza imico ya kera. Kuri ubu turi hafi abagera kuri 20 bahamagawe kandi babasha kuvugana n'abantu tukanakwirakwiza inyandiko n'ubushishozi bwinshi. Ni byo rwose twakoze umurimo neza, kandi dutegereje ibyo mwohereje.

Ku byerekeye Pasitoro Alamo, ndizera ko Pasitoro azafungurwa akava muri gereza. Kandi turi gusengera hamwe tukaniyiriza. Kandi Imana ntizadutererana kuko Bibiliya irabivuga, muri Zaburi 34:18-19, ngo "Uwiteka aba hafi y'abafite imitima imenetse, kandi akiza abafite imitima ishenjaguwe. Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, ariko Uwiteka amukiza muri byose." Urugamba si urwacu ahubwo n' urw'Umwami. Na none soma mu Bafilipi 4:4-9.

Imana ibahe umugisha
Umuvandimwe wanyu
Pasitoro Moses Kwemboi
Endebess, Kenya




*Pasitoro Moses Kwemboi hamwe na bamwe bo mu itorero rye bakwirakwiza inyigisho zanditse za Pasitoro Alamo zikiza ubugingo, mu nkengero za Endebess, Kenya.*




**ALAMO MINISTRIES ONLINE**
**www.alamoministries.com**

## KUGERAGEZA GUHIRIKA IMANA INSHURO ESHATU

*(Bikomeje biva ku rupapuro rwa 3)*

n'uwumuhemba (ibara ritukura) [aya ni amabara ya Kiriziya ya Gaturika y'i Roma ikoresha cyane]. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita [Amafaranga yose yakusanyijwe mu buryo butemewe n' amategeko n'ikigo gishinzwe imisoro y'imbere mu gihugu ni aya Vatikani. Bafite amamiriyari y'amadolari yo bapfusha ubusa.], mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibiriza n'imyanda y'ubusambanyi bwe [Vatikani, ikaba kandi ikicaro cya Satani, ishyigikiye ibyaha byose bibera mu isi, no mu isi y'abapfu.] Mu ruhanga rwe hari izina ryanditswe ngo AMAYOBERA, BABULONI IKOMEYE, NYINA W'ABAMARAYA, KANDI NYINA W'IBIZIRA BYO MU ISI. [Interuro yanditse mu gahanga ke' mu buryo bworoshye isobanuye ko imitekerereze ye yajandamye mu kibi cya Satani].

"Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera [Vatikani ya Satani irazwi cyane muguteza imeneka ry'amaraso ku isi, harimo gukuramo inda, Jenoside yakorewe abayahudi, iyicwa rubozo ry'Abesipanyoro, n'intambara zose zabayeho ku isi], n'amaraso y'abahowe YESU [Umumarayika w'IMANA ibi yabibwiye Yohana]: hanyuma mubonye [Vatikani],… maze abari mu isi, amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikaba ari "inyamaswa yahozeho" yari Rome mbere y'uko isenyuka, none ubu Satani yarongeye yubaka Roma iyubakishije umwuka Wa Satani, wakuze cyane ugahinduka amakuba menshi.

Iyo mvuze ugutotezwa n'iteshamutwe itorero ryanjye ryahuye na ryo mu myaka mirongo itanu ishize, ntabwo mbamvuga kwinuba cyangwa gushaka kugirirwa impuhwe, ahubwo ni ukwereka buri wese ku buryo bugaragara ukuntu byoroshye kwihanganira ibibi by'idini ry'ikinyoma n'ubuyobe bubi, kiliziya Gaturika y'i Roma, kuko IMANA yampaye guhishurirwa. Iyo guhishurirwa kudahari abantu bararimbuka (Imigani 29:18). Turishima iyo dutotejwe tuzira Yesu. Byasaba kwandika ibitabo byinshi kugira ngo mbabwire gusa kumwe mu gutotezwa twakorewe. IMANA yambwiye ko nagombaga gukomera cyane mu mwuka inshuro zikubye miliyoni 100 kurusha yewe n'igiti cy'umwela cyaguye hasi hanze y'urusengero rwanjye nyuma ho iminota 15 ubwo nari maze kubwira iteraniro ibyo IMANA yari yambwiye.[17] "Muzahirwa abantu ni babanga bakabaha akato, bakabatuka, bakanegura izina ryanyu, nk'aho ari ribi, bakabahora Umwana w'umuntu. Uwo munsi muzishime mwiterere hejuru, kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko basekuruza babo ari ko bagenje abahanuzi" (Luka 6:22-23).

Mbibabwiriye imbere y'IMANA n'imbere y'abatuye isi bose ko ibyo abantu bita ibitazwi bivuye ku yindi mibumbe (UFOs) atari ibivuye ku yindi mibumbe koko, ahubwo ni Abamarayika bo mu Ijuru. Mbirahije ubugingo bwanjye. Abo bababwira ibindi ni abayoboke ba shitani bashutswe na yo, kimwe na Eva, n'abantu b'I Babuloni, kimwe na LONI, kandi bazababjyana mu kuzimu hamwe na bo. Ikiremwa muntu nta na rimwe kizigera gifata umwanya w'IMANA. Ikiremwa muntu byarakinaniye mu bihe byashize, kandi bizahora bikinanira.

YESU KRISTO ni IJAMBO ry'IMANA. Izere IJAMBO ry'IMANA (YESU KRISTO) urakira ubwawe (Acts 16:31). Kugira ngo wakire KRISTO, IJAMBO ry'IMANA, vuga iri sengesho:

IMANA irashaka ko ubwira abandi ko bijyanye no gukizwa kwawe. Ushobora kuba umwe mubatanga inyandiko zanditswe na Tony Alamo. Tuzabikohereza ku buntu. Duhamagare cyangwa utwan-

*(Bikomereje ku rupapuro rwa 8)*

**17** Soma igitabo cyitwa "The Tree," icapiro rya. 6500, n'ikindi kitwa "The Most Powerful Position in the Whole Universe," icapiro rya 19700

## Ubuhinde

Muvandimwe mwene Data muri Kristo,

Imana ibahe umugisha mwebwe n'umubiri wose wa Kristo uri mu itorero ryanyu. Ni byiza cyane kwiyibutsa akazi gakomeye Imana yakomeje gukora ibicishije mu nyigisho zanyu z'Ijambo ry'Imana.

Ku bw'ubuntu bw'Imana, dufashijwe n'ubufasha bw'iteraniro ryacu, uyu munsi twakoze urugendo rw'ubutumwa bw'ijambo ry'Imana mu mudugudu wa kure w'ubwoko bumwe bwitwa Dondapudi. Urugendo rwacu (ibirometero 40) twarukoze duciye mu mazi n'ubwato, abayoboke mirongo itatu na batandatu bitabiriye. Imana yakoze umurimo ukomeye mu karere ku bwoko bw'aba Hindu biciye mu nyandiko zanyu. Turizera ko izarokora ubugingo bwinshi bwari bwaratakaye bwo muri kariya gace.

Ndashaka kubohereza amafoto yacu ngo murebe imirimo iri gukorerwa hano.

Amasengesho yacu yerekejwe ku buzima bw'umuvandimwe wacu Tony no kugira ngo ufungurwe vuba.

Umuvandimwe wanyu muri Kristo,
Solman Raju Kola
Andhra Pradesh, Ubuhinde







*Umuvandimwe Solman Raju Kola n'itsinda rye ry'ababavugabutumwa bakwirakwiza inyigisho zanditse za Pasitoro Alamo mu byaro byo muri Andhra Pradesh, mu Buhinde.*

# Ubuhamya bwa Scott Durning

Igihe nari mfite imyaka 11 na 12, nahuye n'ibintu bibi cyane bivuye mu ndiri y'umwuka mubi bidakwiriye gusubirwamo. Nyuma y'imyaka, naje i Los Angeles maze ntangira gufata ikiyobyabwenge cyitwa LSD, nuko ntandukana n'ukuri ko mu buzima mu gihe kigera ku myaka nk'ibiri. Byasaga nkibizahoraho. Nibwiraga ko napfuye, mbaho mfata iki kiyobyabwenge, icyambere cyaba kigiye kunshiramo ngafata ikindi gutyo gutyo.

Umunsi umwe, ku bw'imbabazi z'Imana, nari ndimo ndeba Insakazamashusho (Televiziyo) mu nzu y'undi muntu. Naje kurambirwa, nuko ndayizimya. Narebye hanze y'ahicarwa ku idirishya maze ngira iyerekwa rivuye ku Mana. Nari ndi kwireba igihe nari mfite imyaka 11, nari mpagaze imbere y'ubusitani bw'inzu iri muri Cleveland, muri Ohio (aho nkomoka). Nibonaga mu buryo bwihuse (byamaze nka masegonda 10) ndakura kugeza ku myaka yanjye ubu, noneho nari mpagaze imbere y'ubusitani bw'inzu yari ikurikiye umuryango nari mpagazeho. Mbere y'uko ntekereza icyo bisobanura, Imana yaramvugishije. Imana irambwira iti, "Imana yaremye izuba; Imana yaremye ukwezi; Imana yaremye isi; Imana yaremye inyenyeri; Imana yaremye ibyatsi; kandi Imana ituma ibyatsi bimera bigakura." Naratangaye cyane. Nuko mvuga cyanemu ijwi rirenga ngira nti, "ni rya zuba, ni ya si; ni wa njyewe. Narakuze mba umusazi."

Ibi byanteye guhita ntangira, kugenda ku mihanda mvugana n'Imana mu ijoro. Icyo gihe, Imana yanteye ubwoba inshuro ebyiri birenze imyumvire yanjye kubera ko nari ngikora ibyaha. Umunsi umwe nari nihebye, Nagiye mu rusengero rwa Tony Alamo ruri muri Hollwood, California. Sinari narigeze njya mu materaniro yabo kubera ko ryari itorero ritavugwa cyane. Byari nka saa tanu n'igice z'ijoro. Tony Alamo yari ahari. Tony yaranyegeye arambwira ngo, "Wakagombye kugama hano." Narabikoze. Ku ijoro rikurikiyeho mu materaniro, Pasitoro Tony na Susan Alamo bari bahari. Tony atanga ubuhamya bwe bwuzuye bw'uko Imana yamuvugishije. Sinari narigeze numva iby'amaraso ya Yesu Kristo uko yoza ibyaha byacu. Numvise umwuka wera n'imbaraga nyinshi. Abantu mirongo itatu barakijijwe iryo joro na njye ndimo. Nagiye mu cyumba cy'amasengesho maze mpabwa umubatizo w'umwuka wera. Narinzi ko ndi mu rugo. Byari kuwa 11 Gicurasi, 1970.

Nyuma y'umwaka umwe n'igice, nandikiye Pasitoro Tony Alamo ibaruwa kubera ko nari mfite ibibazo. Ahagana saa munani z'ijoro. Muri iryo joro umwe mu bavandimwe banjye yarambwiye ngo Tony Alamo ari kuri telephone arashaka kumvugisha. Nari mu rusengero rwacu i Saugus, muri California. Nafashe telephone maze ndavuga ngo, "Allo, uyu ni Scott muvugana." Nta muntu wavuze ikintu na kimwe. Narongeye nsubiramo nti. "Allo, uyu ni Scott muvugana." Nuko numva ijwi rya Tony Alamo___"Imana yaremye izuba, Imana yaremye ukwezi; Imana yaremye isi; Imana yaremye inyenyeri; imana yaremye ibyatsi; kandi Imana ituma ibyatsi bikura." Nahise numva Umwuka Wera nk'urukuta runini runkikije. Tony Alamo yambwiye amagambo antera ubutwari iminota igera kuri 45. Nta na rimwe nari narigeze mbwira umuntu n'umwe ko Imana yamvugishije, habe no kubabwira icyo yambwiye.

Mu myaka myinshi, Umwuka Wera ari mu nyigisho Pasitoro Alamo yandika, n'ubutumwa bwose yoherereza amatorero. Tony na Susan Alamo mu by'ukuri bubatse "imigi" mu bice bitandukanye bya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika irimo ibyangombwa byose kugira ngo abantu bo mu itorero bahature. Ibitabo bye bitandukanye bivuga iby'Imana byoherejwe mu bihugu bigera kuri 200 bitandukanye, bigezwa ku bantu babikeneye. Ndashimira Imana ko nakijijwe kandi nkaba mfite amahirwe yo kuba mu iri itorero.

## Myanmar

Kuri Tony Alamo,

Intashyo ikomeye ivuye Myanmar mu Mwami wacu wazutse akaba n'Umukiza wacu Yesu Kristo.Ndasenga cyane (ndizera) ko umeze neza.

Guhera muri 2002 Rod n'abandi bakozi biyemeje gushinga urusengero, kwigisha inkuru nziza, gutanga ubuvuzi, kwita ku bababaye, uburezi buganisha ku iterambere rusange, kwita ku bana/impfubyi, gusohora inyandiko no kuzisakaza mu bemera n'abatemera muri Myanmar. Intego yacu ni ukugera ku bantu batari basanzwe bagerwaho bo mu moko yose yo muri Myanmar, bityo tukayobora abatemera kuri Kristo tubaha inyandiko, udutabo duto, ndetse na Bibiliya, kwigisha Bibiliya abantu ku giti cya bo, ndetse no mu matsinda mato no mu nama z'itorero, tukanazishyira mu rurimi rwa hano kandi tukanasohora ku mpapuro (print) inyigisho za Gikristo. Twiyemeje ko ibi byaba igice cy'umurava wibwirije wo kugera ku bantu ku bwa Kristo no gushinga insengero nshya.

Natewe imbaraga kandi mpabwa umugisha no gusoma ibyo wanditse mu gitabo wise *"The Messiah According to Bible Prophecy" (ugenekereje mu kinyarwanda "Mesiya Ugendeye ku Ubuhanuzi bwa Bibiliya".)* Kuva icyo gihe, ndifuza cyane rwose kugishyira mu rurimi rwa Burmese, Hakha-Chin, na Mizo (indimi z'ubwoko bwo muri Myanmar). Kuko ari igitabo gifite imbaraga n'ubucukumbuzi, kandi ndizera ko cyazanira umugisha abantu benshi. Muri Myanmar inyigisho za Gikristo ni nkeya cyane, kandi abantu benshi babyibazaho cyane ukuntu bishyirwa mu rurimi rwa hano, zigasohorwa zikanakwirakwizwa ku buntu. Inyigisho zirafasha cyane kandi zitanga umusaruro. Abantu bane kw'ijana gusa ni bo bemeye Yesu kandi uturere hafi ya twose turi mu mwijima. Ni ku bw'amasengesho yacu rero tugomba kuyobora ubu bugingo ku birenge bya Yesu biciye mu nyandiko zanyu. Ndizera ko inyota y'imitima ya bo izahazwa. (Aba Hakha-Chin na ba Mizo ni ubwoko bw'abantu baba mu misozi y'uburengerazuba. Bavuga ururimi rwa bo rwihariye, kandi hafi ya bose ntibazi gusoma ururimi rw'Ikiburmese. Niba mushobora kohereza inyigishonyinshi zanyu mu isomero ryacu bizadushimisha cyane.

Turifuza cyane gusakaza itorero ryanyu muri Myanmar. Twiteguye gukorera hamwe na mwe ku Bwe kandi turabatumiye ngo muzaze dusakaze itorero ryanyu mu gihugu cyacu. Niba mufite igihe tuzabatumira n'ubushake buhanitse kuza gusura Myanmar ku bw'Ubwami Bwe.

Dutegerezanyijie amatsiko kwakira igisubizo cyanyu. Imana ibahe umugisha

Ku bw'Umurimo We,<br>
Revera Bawi H. Thang, Diregiteri<br>
Rod n'abakozi b'itorero<br>
Yangon, Myanmar

http://beforeitsnews.com/celebrities/2014/07/pope-francis-found-guilty-of-child-trafficking-rape-murder-2465728.html

# Papa Francis yahamwe n'ibyaha byogucuruza abana, gufata ku ngufu, n'ubwicanyi.

Ku cyumweru,
Kuwa 20 Nyakanaga, 2014 7:28



Ejo hashize abaregwa aribo : Papa Francis Bergoglio, Umuyezuwite mukuru muri Gatorika Adolfo Pachon n'umushumba mukuru (Archbishop) wa Canterbury Justin Welby bahamwe n'ibyaha byo gufata ku ngufu, iyica rubozo, ubwicanyi, n'icuruzwa ry'abana.

Abacamanza batanu b'Urukiko Mpuzamahanga rw'I Buruseli rushinzwe Ubutabera Rusange rwitwa International Common Law Court of Justice rwemweje ko ibi byaha byakozwe vuba aha muri za 2010. Uhereye mu kwezi gushize kwa Werurwe abatangabuhamya barenga 48 bamaze gutanga ubuhamya muri uru rukiko, bushinja abaregwa kuba mu Gatsiko ka Cyenda gakora imihango ijyanye na Satani yo gutamba abana ho ibitambo, aka gatsiko kakaba kazwi mu cyongereza nka Ninth Circle Satanic Child Sacrifice Cult.

Imihango ijyanye na Satani y'Agatsiko ka Cyenda yo gutamba abana ho ibitambo ,byavuzwe ko ikorerwa mu mazu ya za kiriziya nini zo muri Montreal, New York, Rome, Scotland, London, Ingoro ya Carnarvon yo muri Wales, mu ngoro ya gifaransa ihererye mu cyaro cyo mu Buholandi, n'amashuri Gatorika yo muri Canada, nay'abangilikani b'abahinde ahereye I Kamloops, British Colombia na Brantford, Ontario muri Canada. Imihango ya Satani y'agatsiko ka cyenda yo gutamba abana, yakekwaga kuba ikorerwa mu mashyamba y'abantu bikorera ari muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, Canada, Ubufaransa, n'Ubuholandi mu gihe cy'iminsi mikuru "y'umuhigo wa muntu" yiswe mu cyongereza " Human Hunting Parties" yitabirwa n'abayobozi bakuru b'isi barimo imiryango y'Ibwami yo mu Burayi. Abana b'ingimbi n'abangavu byavugwaga ko bibwaga n'uduco tw'amabandi (mafia), hanyuma bakambikwa ubusa, bagafatwa ku ngufu, bagahigwa, hanyuma bakicwa. Umushinjacyaha mukuru yaravuze ngo."Kiriziya Gatorika ni ikigo cy'ubucuruzi gikomeye kurusha ibindi byose kw'isi kandi bikaba bigaragara ko gikorana n'amatsinda y'amabandi, zaLeta, Polisi, n'inkiko ku isi yose."

Abangavu babiri babwiye urukiko rwa ICLCJ ko Papa Francis yabafashe ku ngufu mu gihe cy'imihango yo gutamba abana ho ibitambo. Abandi batanga buhamya umunani babyiboneye n'amaso bemeje ibirego byabo ko biboneye gufatwa ku ngufu no gutamba abana ho ibitambo. Imihango ya Satani y'Agatsiko ka Cyenda" ninth Circle Satanic Cult" nk'uko yitwa mu rurimi rw'Icyongereza, bivugwa ko yabaye mu gihe cy'itumba ryo mu w'2009 na 2010 mu bice by'icyaro byo mu Buholandi n'Ububiligi.

Papa Francis yaje na none guhamwa n'ibyaha byo gutamba abana ho ibitambo igihe yari umu padiri muri Arijantine n'igihe yari Musenyeri nk'uko byagararagajwe n'inyandiko yavuye mu bushyinguro bw'inyandiko z'iVatikani. Ikindi gihamya cya kabiri cyo kuwa 25 Ukuboza 1967 cyiswe Magisterial Privilege bivugwa ko kerekanye ko Umupapa wese asabwa kwitabira imihango ya Satani y'agatsiko ka cyenda yo gutamba abana bakivuka ,iba irimo no kunywa amaraso yabo. Izi nyandiko zerekanywe mu rukikorwa ICLCJ n'umuyobozi wo hejuru I Vatikani, ndetse n'uwahoze ari intumwa y'I Vatikani.

Ukwezi gushize umucukumbuzi ukorera polisi yitwa Garda Police Force ya Irilandi yatanze ubuhamya imbere y'inteko y'abacamanza batanu, n'abagize urukiko 27 ko ibimenyetso byagaragaye ku magufa y'abana bagera kuri 796 yabonetse mu rwobo rujugunywamo imyanda rwo mu rusengero rw'ababikira b'Aba Gatorika bo muri Irilande byerekanye ko biciwe mu mihango y'ihariye. Umushakashatsi mu bijyanye n' ibyaha byica amategeko yaje kwemeza ko icibwa ry'imitwe n'ibindi bice by'umubiri by'imirambo y'impinja zabonetse mu mva rusange bigaragaza ibimenyetso by'ubwicanyi bukorerwa mu mihango cyangwa gutambwa ho ibitambo kw'abana.

Filime ishingiye kubiba byarabaye yakozwe na BBC yashyize ahagararagara amahano y'ubucuruzi bw'abana amaze imyaka mirongo itanu yakozwe na Kiriziya Gatorika yo muri Esipanye. Abana barenga 300,0000 barashimuswe bibwa ababyeyi babo kugeza mu myaka y'1990. Ababyeyi b'abo bana babwiwe ko abana babo bapfuye kandi ko bahambwe mu mva za rusange. Kiriziya Gatorika byavuzwe ko yaba yarakoresheje milliyoni 20 z'amadolari y'Amerika kugirango ibone abo bana.

Undi mutangabuhamya yahamije ko bari bahari igihe Papa Francis yagiranaga amanama n'umutwe wa gisirikare witwa Junta mu gihe cy'intambara mbiyo muri Arijantine yo mu myaka ya 1970. Tugendeye ku by'umutangabuhamya, Papa Francis yafashije mu bucuruzi bw'abana 300,000 b'abanyapolitike baribafunze baburiwe irengero, aba bana babo bajyanywe mu bucuruzi mpuzamahanga buhohotera uburengazira bw'abana bikaba byarakorerwaga mu biro by'I Vatikani.

Amakuru yihariye ya ABC yerekanye ko Umwanzi w'ikibi yabaga I Vatikani. "Inyandiko z'amabanga zavuye mu bubiko bw' I Vatikani, zashyikirijwe urukiko zerekana neza ko hashize ibinyejana byinshi, abayezuwite bakoze umugambi ugambiriwe wo kwica abana bakivuka mu mihango yo gutanga ibitambo no kunywa n'amaraso yabo," uku niko umushinjacyaha mukuru w'urukiko rwa ICLCJ yabwiye abacamanza mpuzamahanga 5 n'abandi 27 bari bagize inteko iburanisha. "uyu mugambi waturutse mu gihugu cyirimo bibiri hagamijwe gukura ingufu zo mu mwuka mu maraso

y'inzirakarengane, bityo bakizera ko imbaraga za politike za Papa w'i Roma zizarushaho gushinga imizi. Ibi bikorwa si ibyaha bya Jenocide gusa, ahubwo ni n'ibyaha bikorwa mu buryo buteguye kandi n'inzego zizwi. Kuva icyo gihe kugeza ubu nibura 1773 bava muri Kiriziya Gatorika y'i Roma, Abayezuwite, na buri mu Papa bagaragarwaho kuba barabikoze.

Ubushakashatsi bukomeza kandi buhoraho bwarakozwe kugirango bavumbure kandi hahanwe n'abandi baba baragize uruhare mu byaha byaba bitaravumburwa n'uru rukiko rwa ICLCJ. Kuwa 1 Nzeri 2014 hagombaga gutangira iperereza ryiswe Kimisiyo ihoraho y'igenzura ry'ubucuruzi bw'abana no kubatamba ho ibitambo. Iburanishwa ryisumbuyeho naryo rigakurikiraho.

Abatangabuhamya 48 berekanye ababakoreye ibyaha aribo Papa wa Kiriziya Gatorika Francis Bergoglio, PapaYohani Pawulo II, naYozefu Ratzinger; Umwangilikani, Kiriziya yibumbiye hamwe ya Canada n'abandi bayobozi bakuru ba kiriziya Gatorika barimo Abakaridinalina Adolufe Pachon umuyobozi mukuru w'abajozuwiti; Umwamikazi w'ubwongereza Elizabeth n'igikomangoma Filipo, Justin Welby, Arikibishopu w'Abangirikani ba Canterbury, n'abo mu miryango y'ubwami harimo igikomangoma Alfrink Bernhard cya Danemarike, Umwami Hendrick, icyegera cy'umwamikazi Wilhelmina w'Ubuholandi, n'Umwamikazi Beatrix, se we n'uwungirije igikomangoma, n'igikomangoma Johan Friso n'umugore we Mabel Wisse Smit, abahoze ari aba ministre, abasirikare bakuru b'ingabo za Dutch n'umunyamabanga wa Raad van State; abayobozi bakuru b'ingabo ba Canada, Ositraliya, Ubwongereza na leta zunze ubumwe z'Amerika n'ibigo bya Leta nk'ikigo gishinzwe ubutasi cya Amerika aricyo bita CIA wongeye ho aba minisitiri bakomeye muri Leta, abacamanza, abanyapolitike n'abacuruzi bo muri leta zunze ubumwe z'Amerika, Ububirigi, Ubuhorandi, Canada, Australia Ubufaransa, Ireland, n'ubwongereza.

Inyandiko zo guhagarika Papa V Bergoglio n'abagenzi be zasohowe kuwa 19 Nyakanga 2014. Kugeza magingo aya Inyandiko z'urukiko zizaguma mu ibanga nk'uko byatangajwe n'urukiko mu itangazo rigenewe abanyamakuru ryasohotse ejo.Urubanza rwa mbere rurebana n'abana 50 000 bo muri Canada baburiwe irengero rwarangiye muri Gashyantare 2013 abayobozi 40 bakomeye ku isi barimwo n'umwamikazi w'ubwongereza Elizabeth bahamwe n'ibyaha.

Abana 50 000 b'ababanyacanada bava muri ibyo bigo byo muri Canada n'ibyinshi bya kiriziya gaturika barabuze. Imva rusange z'abana zirenga 34 zagaragaye muri bimwe muri ibyo bigo by'amashuri 80 byo muri Canada. Kuva mu w'2008 Umwamikazi Elizabeth n'ubuyobozi bwa Canada bakomeje guhakana ubusabe bwa ITCC bwo kuhacukura ngo barebe.

Impamvu zishoboka ntabwo zari zitangaje. Umwamikazi Elizabeth n'igikomangoma Filipe bahamwe n'icyaha cy'ibura ry'abana icumi bo mu ishuri ryo muri Colombiya mu Bwongereza ryitwa Kamloops Residential School ryabaye kuwa 10 Ukwakira 1964. Ababyeyi ntibigeze babona abana babo kuva icyo gihe.Uru rubanza rwabaye intandaro yo kwegura kwa Papa Ratzinger. Ibimenyetso kuri uru rubanza biboneka mu nyandiko ya Kevin Annets yitwa "Hidden No Longer" (Nta kwihisha ukundi mu kinyarwanda)

Urukiko mpuzamahanga rwa ICLCJ rufite ibiro bigera kuri 450 mu bihugu 13 hamwe n'amatsinda arushamikiyeho akora 51. Inkunga yo gufasha ishyirwaho rw'amashami y'urukiko rwa ICLCJ irahari kubabyifuza, cyangwa abashaka gukorera ubushake. Andikira cyangwa uhamagare ITCCS, urukiko rwa ICLCJI buruseli, cyangwa amashami yarwo kuri itccscentral@gmail.com, hiddenfromhistory1@gmail.com, 386-323-5774 (Amerika) cyangwa250-591-4573 (Canada).

Ibijyanye n'umwanditsi

Judy Byington, MSW, LCSW, uri mu zabukuru, umwanditsi w'igitabo "Twenty Two Faces: Inside the Extraordinary Life of Jenny Hill and Her Twenty Two Multiple Personalities" (ugenekereje mu Kinyarwanda; "Amasura makumyabiri na biri: imbere mu buzima butangaje bwa Jenny Hill hamwe n'imiterere ye igera kuri makumyabiri n'ibiri" (www.22faces.com) ni impuguke y'indwara zo mu mutwe iri mu zabukuru, umuhanga mu kuvugira mu ruhame, umunyamakuru wa byitangiye aho Inyandiko ze nyinshi ku bijyaye n'ubucuruzi bw'abana zakoreshejwe n'abanditsi benshi ku mbuga za interineti nyinshi cyane. Akaba kandi yarahoze ari Umugenzuzi, mu kigo cy'Indwara zo mu mutwe cya Alberta (Alberta Mental Health) akaba n'umuyobozi mukuru (director) w'Ikigo Provo Family Counseling Center hakiyongeraho ko yanabaye umuyobozi mukuru wa Child Abuse Recovery and Speakers Bureau bishatse gusobanura Ibiro by'ubuvugiza bw'ihohotera rikorerwa abana (www.ChildAbuseRecovery.com). igihe cyose waba ufite amakuru ajyanye n'ihohoterwa rikorerwa abana yohereze kuri judyinfo@22faces.com. Tugushishikariza gusinya urwandiko rwacu rusaba inteko y'Amerika gukora ubucukumbuzi bw'ibyo ikigo cy'Amerika gishinzwe ubutasi bwo hanze (CIA) kiri gukora mu kugenga imitekerereze y'abana. Kanda hano usinye iyi baruwa http://www.change.org/petitions/us-congress-survivors-request-investigation-cia-mind-control-of-children

## Malawi

Kuri Pasitoro Alamo,

Urakoze cyane kutwohererereza amakuru agezweho y'ibyo Kiriziya Gaturika y'i Roma irimo gukora muri rusange. Nyemerera nkubwire ko benshi mu bayoboke bacu batugannye ari abava muri Kiriziya Gaturika y'i Roma baje, nyuma yo gusoma ubutumwa bwanyu. Ndakwinginze komeza uhugure isi uyibwira ukuri.

Innocent Mtambo — Chitipa, Malawi

## Kote Divuwari

*(Byakuwe mu Gifaransa)*

Muraho nshuti ikomeye Pasitoro Alamo.

Ndi Pasitoro Goma Gba Levi. Muri Kote Divuwari (Ivory Coast) twari twarafungiye inzira y'Ubwami bw'Imana imwe mu miryango twitwaje ko ngo abagabo bafite abagore benshi batazigera bajya mu bwami bw'Imana.

Nyuma yo gusoma ibyo mwanditse byerekeye kugira abagore benshi, n'uko bibiliya ibivuga, naje kuruhande rwawe. Ubu ndafungura iyi nzira y'ubwami bw'Imana ku bantu benshi. Imana nyirimbabazi itubabarire.

Nanone ndasaba izindi nyandiko waba waranditse kuri iyi ngingo ndetse "Mary's other Children." (*Ugenekereje mu kinyarwanda* "Abandi bana ba Mariya").Ndashaka kandi kopi icumi z'igitabo *Mesiya (The Messiah)* kugira ngo bihabwe abandi bavugabutumwa ndimo kwigisha.

Umuvandimwe wa we,

Pasitoro Lévi — Abija, Kote Divuwari (Ivory Coast)

## KUGERAGEZA GUHIRIKA IMANA INSHURO ESHATU

*(Bikomeje biva ku rupapuro rwa 4)*

dikire Kuri email ku bindi bisobanuro. Sangiza ubu butumwa n'undi wese.

**Mwami wanjye kandi Mana yanjye, girira imbabazi ubugingo bwanjye, jye munyabyaha.[18] Nizera ko YESU KRISTO ari Umwana w'Imana nzima.[19] Nemera ko Yapfiriye ku musaraba kandi akamena amaraso ye y'agaciro gakomeye kugira ngo ngirirwe imbabazi z'ibyaha byanjye byose.[20] Nemera ko Imana yazuye YESU mu bapfuye ku bw'imbaraga z'UMWUKA WERA,[21] kandi Akaba yicaye iburyo bw'Imana ubu muri aka kanya akaba arikumva ukwicuza kwanjye n'iri sengesho.[22] Nkinguye umuryango w`umutima wanjye, kandi ndagutumiye mu mutima wanjye, MWAMI YESU.[23] Oza ibyaha byanjye byose binuka mu maraso y'agaciro gakomeye wamennye ku musaraba i Kaluvariyo mu cyimbo cyanjye.[24] Ntuzanyirukana, MWAMI YESU; Urambabarira ibyaha byanjye urokore ubugingo bwanjye. Ndabizi kuko IJAMBO RYAWE, Bibiliya irabivuga.[25] IJAMBO RYAWE rivuga ko ntawe Uzasubiza inyuma, nanjye ndimo.[26] Bityo, nziko wanyumvishe, kandi nzi ko Wansubije, kandi nzi ko narokowe.[27] Kandi ndagushimiye, MWAMI YESU, ko warokoye ubugingo bwanjye, kubw'ibyo nzerekana amashimwe yanjye nkora nk'uko Utegeka kandi nzibukira kongera gukora ibyaha ukundi.[28]**

Nyuma y'agakiza, YESU atubwira kubatizwa, tukibizwa wese mu mazi, mu izina rya Data, n'iry'Umwana, n'UMWUKA WERA.[29] Tukigana ubushishozi Bibiliya yera, tukanakora ibyo ivuga.[30]

KRISTO n' IMANA DATA ubu baba muri wowe binyuze mu mwuka wera. Hari uburyo ushobora kwakira kamere yuzuye ntagatifu y IMANA muri wowe. Uko kamere ntagatifu y'IMANA irushaho kuba muri wowe, niko uzajya urushaho guhagarara ukarwanya ibishuko byanjyanye miliyoni nyinshi z` abakristukure y' agakiza. Sengera umubatizo mu MWUKA WERA. Ku mabwiriza yuko bakira umubatizo mu MWUKA WERA no kwakira birushijeho kamere y` Imana, wasaba inyandiko zacu cyangwa ugahamagara. Kuko umuntu utejejwe atazabona IMANA (Abaheburayo 12:14).

Umwami ashaka ko ubwira abandi iby'ugukizwa kwawe. Ushobora kuba ukwirakwiza inyigisho z'ijambo ry'Imana rya Pasitoro Tony Alamo. Tuzakohereza inyigisho ku buntu. Duhamagare cyangwa utwandikire kuri aderesi emeyiri ku bindi bisobanuro. Sangiza ubu butumwa abandi.

Niba ushaka ko isi ikizwa, nk'uko YESU abitegeka, mwikwima Imana umugabane wa kimwe mu icumi cyangwa amaturo. IMANA iravuga ngo "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebwe mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti Twakwimye iki? Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo, muvumwa wa muvumo kuko ishyanga ryose [isi yose] uko mungana mwanyimye ibyanjye. Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse mu bishyire mu bubiko, inzu YANJYE [ubugingo bwarokowe] ibemo ibyo kurya [ibiryo by'umwuka]. Ngaho nimubingeragereshe, niko Uwiteka Nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomerera imigomero yo mu ijuru, nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza. Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku butaka bwanyu, kandi n'umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima igihe cyawo kitaragera. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga. Kandi amahanga yose azabita abanyamahirwe, kuko muzaba igihugu kinezeza. Niko Uwiteka Nyiringabo avuga" (Malaki 3:8-12).

**18** Zab 51:5, Rom 3:10-12, 23 **19** Mat 26:63-64, 27:54, Luka 1:30-33, Yoh 9:35-37, Rom 1:3-4 **20** Ibyak 4:12, 20:28, Rom 3:25, 1 Yoh 1:7, Ibyah 5:9 **21** Zab 16:9-10, Mat 28:5-7, Mar 16:9, 12, 14, Yoh 2:19, 21, 10:17-18, 11:25, Ibyak 2:24, 3:15, Rom 8:11, 1 Kor 15:3-7 **22** Luka 22:69, Ibyak 2:25-36, Heb 10:12-13 **23** 1 Kor 3:16, Ibyah 3:20 **24** Fes 2:13-22, Heb 9:22, 13:12, 20-21, 1 Yoh 1:7, Ibyah 1:5, 7:14 **25** Mat 26:28, Ibyak 2:21, 4:12, Fes 1:7, Kolo 1:14 **26** Mat 21:22, Yoh 6:35, 37-40, Rom 10:13 **27** Heb 11:6 **28** Yoh 5:14, 8:11, Rom 6:4, 1 Kor 15:10, Ibyah 7:14, 22:14 **29** Mat 28:18-20, Yoh 3:5, Ibyak 2:38, 19:3-5 **30** Guteg 4:29, 13:4, 26:16, Yos 1:8, 22:5, 2 Tim 2:15, 3:14-17, Yak 1:22-25, Ibyah 3:18

*Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa inyigisho ku zindi ngingo waba wifuza tugane*

**Tony Alamo, World Pastor, Tony Alamo Christian Ministries Worldwide • P.O. Box 2948, Hollywood, CA 90078**

**Amasengesho akorwa amasaha makumyabiri n'ane n'umurongo ufunguye umunsi wose kubifuza ibindi bisobanuro: (661) 252-5686 • Fax (661) 252-4362**

**www.alamoministries.com • taoffice@alamoministries.com**

*Itorero rya Tony Alamo ku isi yose ritanga ahantu ho kuba ufite ibikenewe byose mu buzima ku bantu bose bari muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bifuza mu by'ukuri gukorera Umwami n'umutima wa bo wose, ubugingo,intekerezo n'imbaraga byabo.*

**Amateraniro aba buri mugoroba saa mbili z`umugoroba. Ku cyumweru saa cyenda z`umugoroba na saa mbili z`umugoroba, ku rusengero rwa Los Angeles.13136 Sierra Hwy., Santa Clarita, CA 91390, +1(661) 251-9424.**

**Ni Ubuntu mu kujya cyangwa kuva mu materaniro bitangirwa mu mfuruka za Hollywood Blvd. & Highland Ave.,Hollywood,CA, buri munsi saa 6:30 z'umugoroba, ku cyumweru saa 1:30 z'umugoroba na 6:30 z`umugoroba**

**Buri kuwa Kabiri saa mbili za nimugoroba mu mujyi wa New York no mu bindi bice mu masaha ya nimugoroba tugira amateraniro, hamagara kuri +1(908) 937-5723 uhabwe ibisobanuro birambuye. NYUMA YA BURI TERANIRO DUSANGIRA IFUNGURO.**

**Saba Igitabo cya Pasitoro Toni Alamo kitwa Mesiya, kikwereka CHRISTO. Uhereye mu Isezerano rya Kera byahishuwe mu buhanuzi bugera kuri 333.**

*Ba umukozi mu murima isarurirwamo ubugingo, bikore ukwirakwiza inyigisho za Pasitori Tony Alamo.*

*Inyandiko zacu zose n'ubutumwa bw'amajwi bitangirwa Ubuntu, harimo no kubyohereza mu bwato.*

*Niba hari uhirahiye ashaka kuzikwishyuza, duhamagare kuri +1(661) 252-5686 (ihamagarwa ku buntu).*

**IYI NYANDIKO IFITE UMUGAMBI W'UKURI W'AGAKIZA (IBYAK 4:12).**

**WIYIJUGUNYA, YIHE UNDI MUNTU.**

**Ku bari mu bindi bihugu, turabashishikariza gushyira iyi nyandiko mu rurimi rwanyu. Igihe mwongeye kuzisohora, ntimukibagirwe gushyiraho ibijyanye n'iby' umutungo bwite mu by'ubwenge kandi mu kazandikisha:**

© Copyright August 2014, 2016 All rights reserved World Pastor Tony Alamo ® Registered August 2014, 2016

KINYARWANDA—VOLUME 20100—THREE UNSUCCESSFUL ATTEMPTS TO OVERTHROW GOD